
MICHIGAN
ROSS SCHOOL OF BUSINESS

WDI
William Davidson Institute
AT THE UNIVERSITY OF MICHIGAN

**byateguwe 1-429-139**
**Nzeri 22, 2010**

# Inguzanyo n'imikorere ya banki—NYINAwaJAMBO

Turi muri Gashyantare, 2009, Anastasie Nyirabukeye arareba uko abakozi bapakurura imbaho bazishyira muri sitoki, bakazigabamo ibyiciro bibiri: imbaho zigurishwa amasosiyeti y'ubwubatsi n'izindi zigenewe gukoramo ibikoresho bitandukanye bigurishwa. Nyirabukeye ni uhagarariye mukuru w'ikigo cyitwa NYINAwaJAMBO, kigurisha imbaho kikanakora ibikoresho bitandukanye mu mbaho, kibarizwa I Kigali mu Rwanda. Uretse kugurisha imbaho zitanoze, bagurisha kandi izikoze neza ndetse n'ibindi bikoresho bikoze mu mbaho nk'ibyo mu rugo cyangwa se intebe z'amashuri. Hashize igihe gito arangije amahugurwa ya ba rwiyemezamirimo b'abagore yateguwe na Goldman Sachs, kimwe mu mumaro aya mahugurwa yamumariye ni ukumwongerera icyizere ndetse n'uko yazamura ubucuruzi bwe mu myaka iri imbere.



Icyo kigo gikoresha abakozi bahoraho 15 n'abandi bagera kuri 17 ba nyakabyizi, mu by'ukuri rero iki kigo kiragana aheza. Mu by'ukuri atangira ubucuruzi, Nyirabukeye yashakaga kuzamura imibereho y'umuryango we no kugira uruhare mu guteza imbere ubukungu bw' u Rwanda. Uyu munsi, ubucuruzi bwe buraryoshye, bumutera akanyabugabo kandi bumusaba gushaka ibisubizo binoze ku bibazo ahura nabyo buri munsi.

Umugabo wa Nyirabukeye afite isosiyeti y'ubwubatsi, kandi ni umwe mu bakiliya b'imbaho acuruza. Iyo umubajije niba hari ukuntu ajya amugabanyiriza ibiciro, agusubiriza akoresheje ikiganza ati "Nta buvandimwe mu bucuruzi". Umugabo we rero nawe ubona atewe ishema no kuba afite umugore uzi icyo gukora. Anastasie Nyirabukeye afite abana batanu. Umwe mu bakobwa be witwa Chartine, afasha nyina ibijyanye no gucunga isanduku kandi ari hafi kurangiza amasomo ye ya kaminuza mu bijyanye n'ubukerarugendo n'amahoteli.

Guverinoma y' u Rwanda ni umwe mu bakiliya bakomeye ba Nyirabukeye. Igura intebe nyinshi cyane zo gukoresha mu mashuri abanza n'ayisumbuye binyuze mu gupiganira amasoko.

Nyirabukeye apiganira masoko abonye mu binyamakuru. Inyandiko atanga ziba zigaragaza imiterere y'ubucuruzi bwe, akavuga ku mitungo y'ikigo cye ndetse n'umubare w'abakozi akoresha, akavugako yanditswe mu gitabo cy'abacuruzi babyemerewe n'amategeko, akavuga ku bunararibonye bwe. Kuva yatangira ubucuruzi muw' 2007, yakomeje gufata inguzanyo ntoya akazikoresha mu kugura imabho igihe yabonye amasoko.

GlobaLens

*Published by GlobaLens, a division of the William Davidson Institute at the University of Michigan.*

*©2010 William Davidson Institute. Ibi byateguwe kandi mubigejejweho na Nilima Achwal, wungirije ubushakashatsi, ayobowe na Etienne Musonera, wigisha muri kaminuza ya Mercer, n'inkunga ya Sharolyn Arnett, ushinzwe amahugurwa kuri William Davidson Institute.*

*Unauthorized reproduction and distribution is an infringement of copyright. Please contact us for permissions: Permissions@GlobaLens.com or 734-615-9553.*

DO NOT COPY